Ijambo Nyirubutungane Papa Fransisiko yagejeje ku Basenyeri bagize Inama y'Abepiskopi Gatolika yo mu Rwanda, mu rugendo nyobokamana (Visita Ad Limina Apostolorum) i Roma, ku wa kane tariki ya 03 Mata 2014

Bavandimwe nkunda Bepiskopi,

Uru rugendo nyobokamana (visita ad limina apostolorum) mujemo rumpaye umwanya wo kubaramutsa no kubaha ikaze hano i Roma. N'umutima wanjye wose kandi, byongeye dusabiwe n'Intumwa Petero na Pawulo bo bahamya b'ikubitiro b'ukwemera, ndifuza ko mwakomeza kwivugururamo ukwemera mu mitima yanyu. Mbifurije kandi gukomeza kwivugururamo ishyaka ry'ikenurabushyo mu iyogezabutumwa. Ndashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Smaragde MBONYINTEGE, Perezida w'Inama yanyu y'Abepiskopi ku bw'ubutumwa amaze kungezaho. Ku bw'uru rugendo nyobokamana rwanyu, mboneyeho kuramutsa mu rukundo rwinshi abapadri, abihayimana n' abalayiki bose bo muri Diyosezi zanyu ndetse n'abatura-rwanda bose.

Mu minsi mike, u Rwanda ruribuka ku nshuro ya makumyabiri jenoside ndengakamere yahitanye benshi ikaba yaranasize ububabare butavugwa ndetse n'ibikomere, na n'ubu bitarakira, mu mitima y' abanyarwanda. Nifatanyije namwe mu kwibuka bizakorwa ku rwego rw'Igihugu.Mbijeje isengesho. Ndasabira by'umwihariko imiryango yasenywe n'ayo mahano, ndasabira inzirakarengane zose n'imiryango yose ndetse n'abanyarwanda bose ntabavanguye mu myemerere yabo, mu moko yabo (ethnie) ndetse no mu mirongo ya politiki bahisemo.

Na n'ubu nyuma y'imyaka 20 ayo mahano ndengakamere abaye, haracyakenewe, mu by'ibanze, iyogezabutumwa rigamije ubwiyunge bw'abanyarwanda n'ikira ry'ibikomere. Ndabashishikariza gukataza muri ubwo bwitange mushakisha inzira nziza zose zatuma abantu biyunga n'Imana ndetse nabo ubwabo. Bishobora kugaragara ko imbabazi n'ubwiyunge nyakuri nyuma y' amahano nk'ariya ari ibidashoboka. Nyamara birashoboka niba abantu bemeye kwakira ubuzima n'ukwemera bitangwa na Yezu Kristu kandi ntibahweme kurangwa n'isengesho. Ubwiyunge ni urugendo rurerure rusaba kwihangana, kubahana hagati y'abantu, koroherana, kwakirana no kwemera kuganira (dialogue). Biryo rero Kiliziya ifite umwanya w'ibanze mu iyogezabutumwa rigamije kubaka umuryango-nyarwanda wiyunze: ibi bigakorwa mu kwivugurura mu kwemera, mu kwizera nyako kwa gikristu. Bepiskopi, mujye mbere rwose, mukomeze mwiyemeze buri gihe guhamya ukuri kandi mukwitangire.

Ariko kandi mbibutse ko ibi muzabigeraho ari uko mwunze ubumwe mu rukundo. Ni bwo koko Inkuru nziza ya Kristu izacengera mu mitima y'abantu ikabahindura bashya. Yezu adusabira kunga ubumwe agira ati "Kugira ngo babe umwe Dawe nk'uko natwe turi umwe, maze isi imenye ko wantumye, kandi ko wabakunze nk'uko wankunze" (Yohani17, 23). Ni ngombwa ko mu rwego rwo kurenga urwikekwe n'amacakubiri ashingiye ku moko byamunze abanyarwanda, Kiliziya iri mu Rwanda igira imvugo imwe y'ubumwe, ikagaragaza ubumwe bwayo ndetse igashimangira ubumwe ifitanye na Kiliziya y'isi yose by'umwihariko ubumwe n'umusimbura wa Petero.

Muri icyo cyerekezo, ni ngombwa gukomeza no gushimangira imikoranire myiza ya Kiliziya na Leta. Ku itariki ya gatandaru ukwezi kwa kamena hazibukwa imyaka mirongo itanu hatangijwe umubano ushingiye kuri Ambasade hagati y' U Rwanda n' Ibiro bya Papa (Saint Siège). Nacyo cyaba ari igihe cyiza mu kwibutsa imbuto nziza zeze kuri uwo mubano no guharanira ibindi byiza byawuvamo mu nyungu z'abanyarwanda. Ibiganiro byubaka kandi

bikozwe mu kuri hagati ya Kiliziya n'Abayobozi ba Leta ni byo bigaragaza ubufatanye muri icyo gikorwa rusange cy'ubumwe n'ubwiyunge. Muri ibi biganiro niho hava kubaka umuryango nyarwanda ugendera ku ndangagaciro zubahiriza uburenganzira bwa muntu, ubutabera n'amahoro. Murabe koko Kiliziya iri mu rugendo kandi isohoka ikegera abantu (Eglise "en sortie"), Kiliziya ifata iya mbere (Reba *Evangelii Gaudium* n.24), Kiliziya igarurira abantu icyizere.

Ntimugatinye kandi kugaragaza umusanzu wanyu ntasimburwa mu byiza rusange bya sosiyete. Muri uru rwego nzi neza ko mwakoze umurimo ukomeye by'umwihariko mu burezi, mu buzima no mu mibereho myiza y'abantu. Nimukataze. Ndashima cyane Imiryango y'Abihayimana n'abandi bantu b'umutima mwiza bita cyane ku bakomerekejwe n'intambara, mu mitima yabo cyangwa ku mubiri, aha ndavuga by'umwihariko abapfakazi, imfubyi, ntibagiwe n'abasaza n'abakecuru, abarwayi, n'abana. Ubwitange bw'abihayimana, isengesho rihoraho, ubuzima bwabo bwose ryo turo bahaye Imana, uko bahamya Kristu mu buzima bwabo bwa buri munsi, ibi byose bituma ubutumwa bwa Kiliziya ihamya Kristu wazutse kandi ukunda bose, bufatwa koko nk'ukuri gukwiye kwemerwa no kugenderwaho. Dusabwa kugenza nka Kristu witangiye bose by'umwihariko abakene.

Ni ngombwa kandi kwita ku burere bw'urubyiruko rwo mizero y'ahazaza h'igihugu n' ishingiro ry'ubwivugurure bw'abaturage. "Urwo rubyiruko ni impano n'ubukungu bw'Imana, Kiliziya ihora irushimira Imana yo Nyirubuzima. Ni ngomwa gukunda urubyiruko, kurushima no kurwubaha" (reba *Africae munus*, n.60). Kiliziya ifite kandi inshingano gutoza abana n'urubyiruko indangagaciro z'Inkuru nziza ya Kristu, harimo gukunda Ijambo ry'Imana, bakaryimenyereza, bakaryiyegereza rikabereka inzira nziza bagomba gukurikira. Ni ngombwa ko batozwa kuba ingingo nzima za sosiyete barimo, bagatozwa kugira ubuntu n'impuhwe; ni kuri bo sosiyete y'ejo hazaza izaba yubakiyeho. Ni ngombwa gushishikarira iyogezabutumwa muri za kaminuza, mu mashuri ya Kiliziya Gatolika, ayigenga n'aya Leta. Hano ikigamijwe ni uko uburezi buhuzwa n'uburere bushingiye mu kwamamaza byeruye Ivanjili ya Kristu; nta kubitandukanya (reba *Evangelii gaudium*, nn.132, 134).

Mu murimo w'Iyogezabutumwa uruhare rw'abalayiki ni ngombwa. Mboneyeho gushimira cyane abakateshiste umurimo bitangira mu buntu, mu rukundo kandi batiganda. Ndashimira kandi abalayiki bitanga ku buryo bugaragara mu buzima bw'Imiryango-remezo, mu Miryango y'Agisiyo Gatolika, mu mashuri, mu bikorwa by'urukundo, no mu bundi buzima bw'imibereho myiza. Ni ngombwa kubahugura kenshi mu bumenyi, mu buzima bwa roho no mu mibereho myiza rusange ibereye muntu. Umusanzu wabo n'ubwitange bwabo bigira akamaro kandi bikizerwa iyo bitwararika, bitwara neza kandi bagakora neza ibyo basonukiwe.

Ndanasaba by'umwihariko kwita ku muryango (famille). Umuryango ni wo musingi nyabuzima sosiyeti na kiliziya bishingiyeho. Muri iyi minsi turimo, umuryango wugarijwe na byinshi birimo ingengabitekerezo yo kubaho witaruye amategeko n'ugusha kw'Imana. Mu gihugu cyanyu ho haniyongera ho ko imiryango myishi yasenyutse indi yatatanye. Iyi yose ikeneye ubuvunyi bwanyu, ikeneye ko muyiba bugufi, ikeneye ko muyishishikaza. Mbere na mbere ni mu muryango urubyiruko rwigira indanagaciro za gikristu, niho bigira kuba umuntu nyamuntu wuzuye, niho bigira ubupfura, ubunyangamugayo, kwitangira abandi no kumenya gushakira umunezero nyawo muri Nyagasani.

Mu gusoza, ndagira ngo nshimire cyane abapadri ukuntu bitangira ubutumwa bwabo batiziganya. Ubutumwa bwabo buraremereye kandi nzi ko kugeza ubu bataraba benshi. Bepiskopi, ndabasaba ko mukomeza kunoza uburere n'imitegurire y'abazaba abapadri, abaseminari. Munoze uburere bwabo bwa kimuntu, ubumenyi, ubuhanga n'ubuzima bwa roho. Mubashakire buri gihe abarezi b'intangarugero kandi bishimiye koko ubutumwa bwa gisaserdoti. Buri gihe mushishikazwe no kuba ababyeyi n'abavandimwe begera abapadri, babumva kandi bababonera umwanya. Ubutumwa bwabo burakomeye. Bakeneye cyane

inkunga yanyu ndetse n'inama zanyu zituma bitangira bishimye ubutumwa bwabo. Ntimukirengagize ko bakeneye formasiyo (kwihugura) ihoraho. Nimwongere igihe mwabageneraga cyo guhura nabo no gusabana nk'abandimwe.

Bavandimwe nkunda, nongeye kubizeza urukundo no kubaba hafi, yaba mwe ubwanyu, yaba abakristu ba diyosezi zanyu, ndetse n'abanyarwanda bose. Mbaragije Umubyeyi Bikira Mariya. Nyina wa Jambo Yezu Kristu, yemeye kwigaragariza Igihugu cyanyu mu bana babonekewe. Yabibukije ububasha bwo kwigomwa, gusenga by'umwihariko abibutsa ububasha bwa Rozari Ntagatifu. Mubikomereho. Ndifuza cyane ko Ingoro ya Kibeho yaba ifumba itama kandi igurumana urukundo Bikira Mariya afitiye abana be by'umwihariko abakene n'abakomeretse. Kibeho nibere Kiliziya yo mu Rwanda n'isi yose umuhamagaro utuma abantu bahinduka, bakagarukira Bikira Mariya "Umubyeyi w'Ububabare". We ubwe naherekeze buri wese muri uru rugendo maze abasabire guharanira no kwakira impano y'Imana y'ubwiyunge n'amahoro. Mbahaye Umugisha wa Gishumba n'umutima wanjye wose.

I Vatikani, tariki ya 03 mata 2014

Byahinduwe mu Kinyarwanda na Padri Théophile NIYONSENGA

Iri jambo warisanga aha mu Gifransa no mu Gitaliyani: http://www.vatican.va/